No 260
Kamena
2025

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IMITWE YA POLITIKI YEMEWE MU RWANDA YAGANIRIYE KU RUHARE RWAYO MU GUTEZA IMBERE IMIYOBORERE U RWANDA RWIFUZA MUCYEREKEZO 2050




Mu rwego rwo kungurana ibitekerezo kuri politiki na gahunda z'Igihugu, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryateguye inama nyunguranabitekerezo yibanze ku ruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere imiyoborere u Rwanda rwifuza mu Cyerekezo 2050. Iyi nama yabaye tariki ya 09 Gicurasi 2025, muri Hotel Lemigo ku Kimihurura, mu Mujyi wa Kigali, iyoborwa n'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, Hon. Dr Rutebuka Balinda.



Inama yitabiriwe n'abayobozi b'Imitwe ya politiki, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), Biro za Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro; MINALOC, SENA , Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite, Itangazamakuru n'abandi.

Iyi nama yari igamije ibi bikurikira:

1.Kuganira ku ngamba z'u Rwanda mu rwego rw'imiyoborere zikubiye mu Cyerekezo cy'u Rwanda 2050;

2.Kuganira ku bipimo bikoreshwa mu bushakashatsi bukorwa na RGB bugamije kumenya ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Nzego zibegereye;

3.Gufata ingamba zafasha kugira ngo uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere imiyoborere myiza mu Rwanda rurusheho kugaragara (bityo n'amanota y'icyo gipimo arusheho kuzamuka).

Muri iyi nama, **MINALOC** yatanze ikiganiro cyibanze ku '**Imiyoborere y'u Rwanda mu Cyerekezo 2050 n'uruhare rw'Imitwe ya Politiki',** cyatanzwe na Bwana RUTERANA Boniface, Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, ushinzwe kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage.




Mu kiganiro cye yagaragaje ko mu Rwanda, imiyoborere myiza yumvikana nk'uburyo bwo gukoresha ububasha ku nzego zose mu gucunga neza ibya rubanda, harimo uburyo bikorwa, inzira binyuramo n'inzego zibikora.

Iyo miyoborere myiza kandi irangwa no kugira Leta ifite ubushobozi (state capability), kugira kibaza (accountability), ubushobozi bwo kubonera ibisubizo ibyo ubazwa (responsiveness), kutavangura abo ukorera (inclusiveness), kutabera (fairness) no kuba Leta ishyigikiwe n'amategeko (legitimacy).
Yagaragaje ko nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ishyira imbere ihame ry'imiyoborere myiza ishyira umuturage ku isonga.
U Rwanda kandi rwihaye intego yo gukomeza gusigasira no kunoza ibyiza dukesha imiyoborere myiza Igihugu kigenda kigeraho kugira ngo birusheho gushyigikira iterambere rirambye kandi rihuriweho n'abanyarwanda bose (ridaheza).

Ku birebana n'**ingamba zo gukomeza guteza imbere imiyoborere**, hagaragajwe izi zikurikira:

-Kwimakaza imiyoborere myiza no gushyira imbaraga mu kubaka inzego za Leta zishoboye kandi zikora neza, zifasha mu iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza;

-Guteza imbere umuco wo guhanga udushya n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi (100%);

-Gukomeza kubakira ubushobozi abaturage mu kurushaho kugira uruhare mu bibakorerwa (citizen participation);
-Imikorere n'imikoranire y'inzego za Leta, abikorera ku giti cyabo n'ibyiciro bitandukanye mu kwihutisha iterambere;

-Gukomeza kwimakaza ihame ryo kubahiriza amategeko (rule of law) n'imiyoborere ishingiye kuri Demokarasi (Democratic Governance).

Ku birebana n'**uruhare rw'Imitwe ya politiki mu guteza imbere imiyoborere**, hasobanuwe ko:
-Mu Rwanda, imitwe ya politiki ifite uruhare runini mu kubaka no guteza imbere imiyoborere binyuze mu buryo butandukanye bugaragaza uruhare rwayo mu guharanira inyungu rusange z'Abanyarwanda;
-Imitwe ya politiki ifasha abaturage kugira uruhare mu miyoborere y'igihugu binyuze mu matora, ibiganiro n'ibitekerezo;
-Gukorana n'inzego z'ubuyobozi no gutanga umusanzu mu gufata ibyemezo by'igihugu;
-Kwimakaza indangagaciro z'imiyoborere myiza no kongera ubushobozi bw'abagize iyo Mitwe ya Politiki;
-Gukomeza kuba urubuga rwo kuganira ku bibazo bireba imibereho y'abaturage no gutanga ibisubizo bikwiye.

*****

**Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB)** rwatanaze ikiganiro cyibanze ku **Ibipimo bikoreshwa mu bushakashatsi bukorwa na RGB bugamije kumenya ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Nzego zibegereye (hibandwa ku bipimo bireba Imitwe ya Politiki**).




Iki kiganiro cyatanzwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe ubushakashatsi muri RGB, **Bwama, MULINDWA Anatole.** Mu kiganiro cye, yagaragaje ko *Citizen Report Card (CRC)* ari ubushakashatsi bukorwa buri mwaka hagamijwe kugaragaza igipimo cy'imiyoborere ibereye abaturage n'imitangire ya serivisi hashingiwe ku bitekerezo n'ibyifuzo by'abaturage, "**Umuturage akaba ku isonga y'ibikorwa byose mu Gihugu**".

Yavuze ko ibipimo by'ubushakashatsi

bivugururwa mu gihe bibaye ngombwa bisabwe n'abaturage, inzego za Leta, n'abandi bafatanyabikorwa babyifuza.

Ubushakashatsi bukorerwa ku bantu barenga 10,500 buri mwaka bafite imyaka y'ubukure iri hejuru ya 18 batuye mu Turere 30. Buri Karere kagira umwihariko wako ujyanye n'umubare w'abaturage wagaragajwe n'Ibarura Rusange n'Imiturire ryo mu mwaka wa 2022.
Ibyavuye mu bushakashatsi bimurikirwa kandi bigashyikirizwa abayobozi b'inzego z'ibanze bose, Inteko Ishinga Amategeko, Ibiro bya Minisitiri w'Intebe, abikorera n'Abafatanyabikorwa ba Leta (JADF), hamwe n'abaturage binyujijwe mu itangazamakuru.

**Ibyiciro bikorwaho ubushakashatsi**
Ku birebana n'ibyiciro bikorwaho ubushakashatsi, hagaragajwe ibi bikurikira:
**Mu nkingi y'ubukungu**, ubushakashatsi bukorwa ku buhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ikoranabuhanga n'itumanaho, ubutaka n'imiturire, n'urwego rw'abikorera.

**Mu nkingi y'imibereho myiza**, ubushakashatsi bukorwa ku burezi, ubuzima, isuku, gahunda zo kuzamura imibereho myiza no kwita ku batishoboye, imibereho y'umuryango nyarwanda.

**Mu nkingi y'imiyoborere**, ubushakashatsi bukorwa ku mikorere y'inzego z'ibanze, ubutabera, umutekano, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

Ku birebana n'uko ibyiciro bishimwa n'abaturage, hagaragajwe ko mu mwaka wa 2024, abaturage bishimiye imitangire ya serivisi ku kigero cya 76.5%. Ibyiciro 9 kuri 16 biri hejuru ya 75%. Ibyo ni umutekano (91.3%), iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi (90.2%), uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa(89.2%), ubutabera (81.6%), ubworozi(76.8%), urwego rw'abikorera (76.7%), ubuzima (76.2%),uburezi(76.0%), ikoranabuhanga n'itumanaho(75.3%).
Ku birebana n'ibyiciro bidashimwa cyane n'abaturage bifite munsi ya 70%, bagaragaje ibi bikurikira: ibikorwaremezo (67.7%), ubutaka n'imiturire(64.2%), ubuhinzi (61.5%). Mu gusoza, hashimwe ibyagezweho mu rwego rw'imiyoborere, hafatwa n'ingamba zo guhangana n'inzitizi zigihari.

## ABAYOBOZI B'URUGAGA RW'ABAGORE MU NTARA Y'IBURENGERAZUBA BAGANIRIYE KURI DEMOKARASI Y'UBWUMVIKANE

Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo, Ihuriro ryakoze amahugurwa y'Abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki. Aya mahugurwa yabaye ku matariki ya 07-8 Kamena, muri Hotel Bethany, iri mu Karere ka Karongi mu Ntara y'Iburengerazuba. Amahugurwa yitabiriwe n'abagore 77 baturuka mu Mitwe ya Politiki yose, mu Turere 7 tugize iyo Ntara.

Ayo mahugurwa yatangijwe n' Umuvugizi w'Ihuriro **Depite Mukabunani Christine.**



Amahugurwa yari afite intego zikurikira:
1.Kuganira ku mahame y'imiyoborere u Rwanda rugenderaho nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;

2.Kuganira kuri demokarasi y'ubwumvikane u Rwanda rugenderaho n'impamvu ariyo rwahisemo;

3.Kungurana ibitekerezo ku ngamba z'uburyo bwo gukomeza gusobanurira ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda, cyane cyane abayoboke b'Imitwe ya Politiki, ibirebana na demokarasi y'ubwumvikane u Rwanda rugenderaho.

Muri aya mahugurwa hatanzwe ibiganiro bitatu bikurikira:

1.Amahame y'imiyoborere u Rwanda rugenderaho nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
2.Demokarasi y'ubwumvikane n'akamaro kayo;
3.Inshingano n'imikorere by'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.

Abitabiriye aya mahugurwa basobanuriwe ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rurangwa n'amahame y'Imiyoborere myiza akurikira:
-Kubungabunga ubusugire bw'Igihugu;
-guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;
-kurwanya Jenoside n'ihakana ryayo;
-kubaka Leta igendera ku mategeko;
-gusangira ubutegetsi;
-gushingira ku bitekerezo bya politiki binyuranye;
-guteza imbere umuco w'ibiganiro n'ubwumvikane muri politiki;
-kudaheza;
-guteza imbere imibereho myiza;
-kurwanya ruswa n'akarengane,
n'ibindi….

Aya mahame nayo ashingira ku Mahame Remezo u Rwanda rugenderaho akubiye mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo yaryo ya 10.

Ku birebana na **demokarasi y'ubwumvikane u Rwanda rugenderaho n'impamvu ariyo rwahisemo,** iyi demokarasi isobanurwa nk'uburyo bw'imiyoborere, bushyira imbere **umuco w'ibiganiro, koroherana, kudaheza, gusangira ubutegetsi, imikoranire myiza hagati y'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki, ndetse n'ibindi byiciro by'abantu muri sosiyete**, hagamijwe kugera ku bumwe rusange bw'Igihugu (**Cohesion nationale**).

Abitabiriye amahugurwa babonye ko nyuma y'ibibazo bikomeye bya politiki u Rwanda rwanyuzemo kandi imwe mu Mitwe ya Politiki ikaba yarabigizemo uruhare, demokarasi y'ubwumvikane ari yo yari ikwiye mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Abanyarwanda bari bakeneye kubona ubuyobozi bwiza, imikoranire myiza hagati y'Imitwe ya Politiki, itandukanye n'imikorere y'amashyaka yashenye Igihugu.

Ku birebana n'inshingano n'imikorere by'Ihuriro, hashimwe ko Ihuriro rihuza Imitwe ya Politiki yose yemewe mu Rwanda, ikaganira kuri politiki na gahunda z'Igihugu, bigakorwa mu bwumvikane, kandi ntihagire Umutwe wa Politiki ubangamira undi, cyangwa ngo uhezwe. Hanashimwe uburyo Imitwe ya Politiki yose ihagarariwe mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

Bimwe mu byo abitabiriye amahugurwa biyemeje gukora, birimo:
.Gukomeza kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda no guteza imbere demokarasi y'ubwumvikane u Rwanda rwahisemo;

.Kwegera abandi bayoboke b'Imitwe ya Politiki bahagarariye n'abaturage muri rusange kugira ngo basobanurirwe amahame y'imiyoborere y'u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;

.Gukomeza guca akarengane ako ari ko kose kuko kabuza abantu uburenganzira bwabo;

.Kuba intangarugero ku bandi baturage baturanye nabo;

.Kongera imbaraga mu kwigira, kwitabira umurimo, kurwanya ubukene, kuko butuma abantu batigirira icyizere;

.Gukomeza kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'ihakana ryayo, no gutoza abakiri bato (urubyiruko) indangaciro z'ubumuntu n' Ubunyarwanda. ****